

## IKINYARWANDA

Itariki : 19/06/2024  
Isaha : 8h30 - 11h30



## IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

IKICIRO CYA:  
AMASHAMI:

KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE  
UMWAKA WA 4 INDIMI (LFK)

IGIHE KIMARA:

amasaha 3

AMANOTA:

..... / 100

CA-MIS

..... / 70

### AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo **makumyabiri (20)** n'ibice bine by'ingenzi:  
**Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 30)**  
**Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo **(amanota 25)**  
**Igice cya gatatu:** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 30)**  
**Igice cya kane :** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
3. Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
4. Subiza muri make utarondogoye.
5. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.

## **AKANYONI KATAGURUTSE NTIKAMENYA IYO BWEZE**

Mu mpera z'icyumweru gishize iwacu haje abantu batari basanzwe bahagenda maze ngira amatsiko yo kumenya ikibagenza mu rugo rwacu. Nari ndangije gukora umukoro wo mu rugo, maze ntangira gukora isuku hafi yabo. Iwacu bamaze kubereka aho bicara mu rukaniriro, bababaza abo ari bo. Ni bwo umugabo agize ati: "Turi abashyitsi duturutse mu Bisi bya Huye mu Ntara y'Amajyepfo. Nge nitwa Mutake naho uyu turi kumwe ni umugore wange yitwa Mugeni. Tumaze igihe twumva abantu benshi bavuga ko urugo rwanyu rwiteje imbere. Ngo mwaba mwarahinduye imibereho yanyu n'iy'imiryango muturanye kandi mukagira n'uruhare rukomeye mu iterambere ry'akarere kanyu kose. Ni byo kandi koko n'ugeze aha amaso aramwihera." Umugore we na we yungamo ati: "Ni byo pe! Ntubeshya mugabo wange! Aka gace twagezemo biragaragara ko kateye imbere rwose!" Abo bashyitsi na bo babaza iwacu uko bitwa. Data ababwira ko yitwa Majyambere, mama na we ababwira ko yitwa Munezero. Barakomeza bavuga ikibagenza. Bavuga ko bazanywe no kwihera ijisho ibikorwa byacu by'indashyikirwa bumvise no kutugisha inama ngo tubavungurire ku ibanga dukoresha ngo na bo babigereho.

Data amaze kumva ikibagenza mu rugo rwacu, arahaguruka ajya kubereka ibikorwa bye. Ubwo nange ndabakurikira, maze arababwira ati: "Dore aha ni iwange n'umugore wange. Murebe uru ni urutoki rwacu rwa kijyambere, hakurya hariya ni ikawa yacu. Biriya mubona hepfo ni ibiraro by'inka zacu. Akomeza kubereka n'ibindi bikorwa bye birimo ikimoteri kinini kijyamo imyanda yose yo mu rugo. Mama ahita ababwira ko abaye asubiye mu rugo gutegura ifunguro ryo ku manywa. Data arangije kubamurikira ibikorwa bye byamugize rugambwa, ababwira ko nta banga rindi ryo kugera kuri ibi byose uretse gukora cyane. Yagize ati: "Ibi mbikesha ubwumvikane mfitanye n'umugore wange kuko dutahiriza umugozi umwe, tukajya inama, tukungurana ibitekerezo, tugafatanyaga imirimo yose, tukiha intego n'imihigo tugenderaho ndetse tugakurikiza inama abayobozi batugira kandi umwe akabera undi imboni."

Mama arangije gutegura ifunguro agaruka kubareba nuko bajya mu rugo gufungura. Mu gihe bafataga ifunguro, bakomeza kuganira. Data agira ati: “Nkomeje rero, muzi ko Leta yacu idahwema kudushishikariza gukora cyane, gukorera mu mashyirahamwe no gukorana n’amabanki. Tugenda dukora imishinga tukayimurikira amabanki cyangwa ibigo by’imari iciriritse, tukaka inguzanyo, bityo tugakora ibikorwa byacu. Ikindi, amafaranga tubonye yose, yaba make cyangwa menshi, tukayakoresha ibidufitiye inyungu, andi tukayabitsa muri banki, kugira ngo twirinde kwaya. Iyo tugize icyo dukeneye cya ngombwa, tubikuza makemake tukagikemura. Umugore wa Mutake akimara kumva ibyo, arahindukira areba umugabo we aramubwira ati: “Ntiwumva abandi icyo baturusha? Na ho wowe utwo ubonye twose utujyana mu kabari ukagaruka ubyina nyamara bugacya wicira isazi mu jisho!” Data yumvise amagambo y’uwo mugore yuje agahinda, abwira Mutake ko akabari gasenya katubaka, cyanecyane iyo ukagiyemo utakemuye ibibazo byose byo mu rugo.

Mutake yumvaga ibyo ateze amatwi asa n’uwibaza cyane. Nibwo asabye ijambo bararimuha araterura ati: “Nimundeke numvise. Ni byo koko ubwenge buza ubujiji buhise. Kuva ubu sinzasubira mu kabari, ngiye gukora ntikoresheje, nirinde inshuti z’akabari zisenya. Uwagira inshuti z’ibyiza yagira nkamwe. Munyunguye inama yo gukorana na banki. Ndava aha njya gufungura konti nzage mbitsa n’udufaranga duke mbonye aho kutujyana mu kabari.” Data na we aramusubiza ati: “Ni byo; nuzajya ubitsa ukanabikuza, uzakora umushinga maze uge muri banki baguhe inguzanyo witeze imbere. Numara kubigeraho ukubaka ikiraro kiza uzagaruke; nge n’umugore wange tuzabyumvikanaho tubatere inkunga tubahe inka y’umuriro.”

Iryo jambo rya data ryakurikiwe n’amashyi menshi avanze n’impundu. Birangiye mama ahita ampamagara antuma ku muturanyi wacu ngo mushyire amata yo kondora umwana we wari umaze igihe arwaye. Ngenda niruka amasigamana ngo ndebe ko nagaruka gukurikirana icyo kiganiro. Gusa sinagira amahirwe yo

kukigarukamo kuko nageze aho bantumye ngasanga bagiye kujyana uwo mwana ku kigo mbonezamirire. Bansaba kubasigarira ku rugo ndabyemera kuko nari nsanzwe ndusigaraho mu gihe babaga bagiye kure. Nta wundi mwana bagiraga. Natashye bitinze nsanga ba bashyitsi bacu na bo batashye.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)**

- 1) Abashyitsi bari bagendereye urugo rwa Majyambere baje baturuka he? Bagenzwaga n'iki? **(amanota 3)**
- 2) Andika ibikorwa bitatu bivugwa mu mwandiko byerekana ko bari barateye imbere. **(amanota 3)**
- 3) Erekanako amabanga ane umuryango wa Majyambere wakoresheje kugira ngo utere imbere. **(amanota 4)**
- 4) Garagaza akamaro uru rugendo rwaba rwaragiriye aba bashyitsi. **(amanota 3)**
- 5) Nyuma yo kwiga ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu rugo no mu kazi; erekana umusanzu watanga mu kwimakaza ihame ryabwo. **(amanota 3)**
- 6) Ni akahe kamaro ko kuzigama muri banki mu buzima busanzwe? **(amanota 2)**
- 7) Garagaza isano iri hagati y'ubukene no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango. **(amanota 3)**
- 8) Simbuza amagambo atsindagiye ari muri izi nteruro andi bihuje inyito yakoreshejwe mu mwandiko. **(amanota 5)**
  - (a) Ikigo cy'amashuri duturanye cyaje kureba imikorere yacu kugira ngo **tubahe** ku bunararibonye dukoresha kugira ngo abanyeshuri bacu batsinde.
  - (b) Buri rugo rukwiye kugira **aho rushyira imyanda** mu rwego rwo kurengera ibidukikije.
  - (c) Ni byiza ko abanyeshuri **dukorera hamwe** kugira ngo tugere ku ntego zacu.
  - (d) Abadozi basuwe n'abayobozi b'akarere bajya **kubereka** imideri bakora.
  - (e) Twagiye kureba abatishoboye mu cyaro ngo **tubafashe**.

9) Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.

**(amanota 4)**

- (a) yungamo
- (b) inka y'umuriro
- (c) kondora umwana
- (d) amaso aramwihera

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)**

10) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo atsindegiye.

**(amanota 10)**

- (a) **Ubushye** afite bwaturutse ku mpanuka yakoze.
- (b) **Ubutunzi** n'iterambere yagezeho abikesha umurimo.
- (c) **Abenshi** mu bana b'**imfubyi** bakunda kwigunga.

11) Inshinga zanditse mu nyuguti zitsindagiye zitondaguye mu buhe buryo?

**(amanota 4)**

- (a) Umuyobozi **usuzugura** abo ashinzwe, aba ahemukira abamutoye.
- (b) Abantu bose bakoze cyane **bakira**.
- (c) Kwirinda biruta **kwivuza**.
- (d) **Murakaramba** ubuziraherezo.

12) Shyira amazina akurikira mu matsinda ushingiyeye ku nzira z'ikomorazina mvazina:

**(amanota 5)**

agaka	umunyabintu	igikobokobo
ikigabo	urugano	masenge
ubwarimu	ikibonobono	sobukwe
nyakabyizi		

13) Tanga ingero z'interuro zakoreshejwemo ubwoko bw'amagambo bukurikira kandi ubigaragaze uyacaho umurongo:

**(amanota 3)**

- (a) Ikinyanshinga
- (b) Akamamo
- (c) Ikegeranshinga

14) Andika uturango dutatu twa ntera.

**(amanota 3)**

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)**

15) Mu kiganiro mpaka: **(amanota 6)**

- (a) Ni iki kiba kigamijwe mu kugitegura?
- (b) Erekana inshingano z'umuyobozi wacyo.

16) Andika imigani y'imigenurano igendana n'ibi bikurikira: **(amanota 5)**

- (a) Kutumvira ababyeyi bizana ingaruka.
- (b) Abana bakwiye kwita ku babyeyi babo no kubafasha bageze mu zabukuru.
- (c) Umwana ubuze nyina akiri muto ababara, akagira ubuzima bubu.
- (d) Ibyago bisimburana n'ibindi byago, ibibazo bikurwa n'ibindi bibazo.
- (e) Umuntu w'umukene naho yavuga ijambo ryiza ntawuriha agaciro.

17) Mu kinyatuzu gikurikira, hitamo amagambo ane arebana n'ibidukikije.

**(amanota 4)**

D	I	M	I	G	E	Z	I
K	B	S	I	S	U	R	I
T	Y	I	F	Z	B	J	B
A	E	S	G	H	U	J	I
D	W	I	B	I	T	I	Y
I	M	V	U	R	A	E	A
V	I	M	Y	A	K	A	G
A	M	A	F	I	A	G	A

18) Andika ibihokane bitemerewe gukurikirwa n'inyajwi «u» na «o» mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda. Iyo bikurikiwe n'izo nyajwi byandikwa bite?

**(amanota 6)**

19) Ubutinde bw'imigemo n'amasaku:

**(amanota 9)**

(a) Subiza ukoresheje “yego” cyangwa “oya” ukurikije uko amagambo atsindagiye asomwa n'ibisobanuro byayo.

- **Ikirêerê** ni umwanya uboneka hejuru y' ubutaka.
- Abari n'abategarugori baboha **imisaambi**.
- **Amakôro** ni amabuye aboneka mu bice bya Rubavu na Nyabihu.
- **Umwîishywa** ni icyatsi kirandaranda.
- **Ibishâshi** by'umuriro bitwikana nabi.

(b) Shyira ubutinde n'amasaku ku nteruro ikurikira:

Iby'abapfu biribwa n'abapfumu.

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

- 20) Hanga umwandiko muremure mu mirongo makumyabiri n'itanu (25) ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Ihohoterwa rikorerwa mu miryango n' uko ryarwanywa." Ugaragaze byibuze ingingo eshatu zishyigikira ibitekerezo byawe.

**(amanota 15)**

## IKINYARWANDA

Itariki : 19/06/2024

Isaha : 8h30 - 11h30



## IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3 IMBONERA Y'IKOSORA

IKICIRO CYA:  
AMASHAMI:

KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE  
UMWAKA WA 4 INDIMI ( LFK)

### IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Aba bashyitsi baje baturutse mu Bisi bya Huye mu Ntara y'Amajyepfo. **(1)** Bari bazanywe no kwihera ijisho ibikorwa by'indashyikirwa bumvise kwa Majyambere **(1)** no kugisha inama ngo babavungurire ku ibanga bakoresha ngo na bo babigereho. **(1) (amanota 3)**
- 2) Ibyo bikorwa harimo: urutoki rwa kijyambere, ikawa, **(1)** ibiraro by'inka, **(1)** n'ikimoteri kinini kijyamo imyanda. **(1) (amanota 3)**
- 3) Amabanga umuryango wa Majyambere wakoreshije kugira ngo utere imbere: Gukora cyane, **(1)** ubwumvikane yari afitanye n'umugore, **(1)** kujya inama n'umugore we, **(1)** kungurana ibitekerezo, **(1)** gufatanya imirimo yose, kwiha intego n'imihigo, gukurikiza inama abayobozi babagira kandi umwe akabera undi imboni. **(amanota 4)**
- 4) Uru rugendo rwagiriye akamaro abashyitsi: icya mbere ni uko biboneye ko gushyira hamwe bakuzuzanya biteza imbere urugo **(1)** ndetse n'ibyiza byo gukoresha banki. **(1)** Ikindi ni uko bahawe inka yo kubafasha kwiteza imbere. **(1) (amanota 3)**
- 5) Nyuma yo kwiga ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye, nzashishikariza abantu gushyira mu bikorwa iryo hame **(1)**, abatabyumva neza mbasobanurire **(1)** mbereka ibyiza byabyo. **(1) (amanota 3)**



- 6) Akamaro ko kuzigama muri banki harimo kubitsa no kubikuza amafaranga yawe igihe uyakeneye **(1)** no kwaka inguzanyo ugakora imishinga iguteza imbere. **(1) (amanota 2)**
- 7) Isano iri hagati y'ubukene no kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango: Umuryango urangwa no kutumvikana uhora mu makimbirane. **(1)** Ayo makimbirane n'induru za buri munsu birangaza abagize umuryango ntibatekereze ku cyabateza imbere. **(1)** Bityo rero kutita ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango, ni inzira iganisha ku bukene no ku mwiriyane mu muryango. **(1) (amanota 3)**
- 8) Gusimbuza amagambo atsindagiye ari muri izi nteruro andi bihuje inyito yakoreshejwe mu mwandiko. **(amanota 5)**
- (a) Ikigo cy'amashuri duturanye cyaje kureba imikorere yacu kugira ngo **tubahe: tubavungurire (1)** ku bunararibonye dukoresha kugira ngo abanyeshuri bacu batsinde.
- (b) Buri rugo rukwiye kugira **aho rushyira imyanda: ikimoteri (1)** mu rwego rwo kurengera ibidukikije.
- (c) Ni byiza ko abanyeshuri **dukorera hamwe: dutahiriza umugozi umwe (1)** kugira ngo tugere ku ntego zacu.
- (d) Abadozi basuwe n'abayobozi b'akarere bajya **kubereka: kubamurikira (1)** imideri bakora.
- (e) Twagiye kureba abatishoboye mu cyaro ngo **tubafashe: tubatere inkunga (1)**.
- 9) Gusobanura amagambo ukurikije inyito afite mu mwandiko **(amanota 4)**
- (a) yungamo: akomerezaho cyangwa se aramwunganira ku byo yavugaga. **(1)**
- (b) inka y'umuriro : inka ihabwa umuntu ngo atangire korora/gutunga **(1)**
- (c) kondora umwana : guha umwana indyo imufasha kugarura agatege nyuma yo gukiruka indwara **(1)**
- (d) amaso aramwihera: ahita abibonesha amaso **(1)**

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)**

- 10) Kugaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi: **(amanota 10)**

- |                                |            |             |
|--------------------------------|------------|-------------|
| (a) ubushye: u-bu-hi-e (1)     | i→y/-J (1) | h+y→shy (1) |
| (b) ubutunzi: u-bu-tung-yi (1) | g+y→z (1)  |             |
| (c) abenshi: a-ba-inshi (1)    | a+i→e (1)  |             |
| imfubyi: i-n-pfubyi (1)        | n→m/-p (1) | p→∅/m-f (1) |

11) Uburyo inshinga zitondaguyemo: **(amanota 4)**

- (a) usuzugura: insano (1)
- (b) bakira: ikigombero (1)
- (c) kwivuza: imbundo (1)
- (d) murakaramba: inyifurizo (1)

12) Gushyira amazina mu matsinda ushingiyeye ku nzira z'ikomorazina.

**(amanota 5)**

- (a) Ikomorazina mvazina ripfobya: agaka, ikigabo (1)
- (b) Ikomorazina ryitirira: urugano, ubwarimu (1)
- (c) Amazina afite igicumbi gisubiwemo: igikobokobo, ikibonobono (1)
- (d) Amazina y'inyunge aranga amasano: masenge, sobukwe (1)
- (e) Amazina akomoka ku tubimbura: umunyabintu, nyakabyizi (1)

13) Gutanga ingero z'interuro zakoreshejwemo ubwoko bw'amagambo

bukurikira: **(amanota 3)**

- (a) Ikinyanshinga: **Ugeze (1)** aha amaso aramwihera.
- (b) Akamamo: Bihakane **se! (1)**
- (c) Ikegeranshinga: **Henga (1)** nigendere!

14) Kwandika uturango twa ntera. **(amanota 3)**

- Ntera igaragira izina (1)
- Ntera isobanura izina igaragiye (1)
- Ntera ijya mu nteko zose (1)
- Ntera yisanisha n'izina igaragiye

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)**

15) Mu kiganiro mpaka: **(amanota 6)**

(a) Ikiganiro mpaka gikorwa iyo hari ikibazo gikeneye umuti, **(1)** buri wese agatanga uwe muti uko abyumva ku buryo bya bitekerezo bikusanywa bikaba ingirakamaro mu gukemura cya kibazo. **(1)**

(b) Inshingano z'umuyobozi w'ikiganiro mpaka:

- umuyobozi w'ikiganiro mpaka aha umwanya abajya impaka **(1)**
- umuyobozi kandi w'ikiganiro mpaka atangiza ikiganiro agatanga umurongo ngenderwaho **(1)**
- umuyobozi w'ikiganiro mpaka agarura mu murongo abashaka gutandukira insanganyamatsiko **(1)**
- umuyobozi kandi agenera igihe buri umwe mu bajya impaka **(1)**

16) Imigani y'imigenurano igendana n'ibikurikira: **(amanota 5)**

(a) Kutumvira ababyeyi bizana ingaruka : Utumviye se na nyina yumvira ijeri **(1)**

(b) Abana bakwiye kwita ku babyeyi babo no kubafasha bageze mu zabukuru : Urukwavu rukuze rwonka abana **(1)**

(c) Umwana ubuze nyina akiri muto ababara, akagira ubuzima bubi : Iyo inkoko ivuye mu magi arabora **(1)**

(d) Ibyago bisimburana n'ibindi byago, ibibazo bikurwa n'ibindi bibazo : Agahinda gashira akandi ari ibagara / uhigira igisambu igisebe gihigira ruseke **(1)**

(e) Umuntu w'umukene naho yavuga ijambo ryiza ntawuriha agaciro : Uwambaye injamba ntagira ijambo **(1)**

17) Guhitamo amagambo mu kinyatuzu : **(amanota 4)**

- |                      |           |
|----------------------|-----------|
| - IBITI <b>(1)</b>   | - IMYAKA  |
| - UBUTAKA <b>(1)</b> | - IBIYAGA |
| - IMVURA <b>(1)</b>  | - ISI     |
| - IMIGEZI <b>(1)</b> | - AMAFI   |
| - ISURI              |           |

- 18) Ibihekane bidakurikirwa n'inyajwi “o” cyangwa “u” ni “(n)kw”(1), “(n)gw” (1), “hw” (1), Iyo bikurikiwe n'inyajwi “o” cyangwa “u” mu mwanya wabyo handikwa “(n)ko”, “(n)ku” (1), “(n)go”, “(n)gu” (1), “ho”, “hu” (1). (amanota 6)
- 19) Ubutinde bw'imigemo n'amasaku : (amanota 9)

(a) Gusubiza na “yego” cyangwa “oya”

- **Ikirêerê** ni umwanya uboneka hejuru y' ubutaka. **Yego (1)**
- Abari n'abategarugori baboha **imisaambi**. **Yego (1)**
- **Amakôro** ni amabuye aboneka mu bice bya Rubavu na Nyabihu. **Oya (1)**
- **Umwiishywa** ni icyatsi kirandaranda. **Oya (1)**
- **Ibishâshi** by'umuriro bitwikana nabi. **Yego (1)**

(b) Gushyira ubutinde n'amasaku ku nteruro ikurikira:

Iby' (1) âbapfû(1) biriibwa (1) n'âbapfumû. (1)

### **IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

- 20) Guhanga umwandiko muremure mu mirongo makumyabiri n'itanu:

#### **1. Imisusire: (amanota 7)**

- imbata (amanota 2)
- Uburebure (inota1)
- Isuku n'imigaragarire (inota1)
- Inozamvugo (inota1)
- Imyandikire (amanota 2)

#### **2. Urukurikirane rw'ibitekerezo (amanota 2)**

- Intangiriro ikoze neza (inota1)
- Umusozo (inota1)

#### **3. Ingingo (amanota 8)**

✓ Kugaragaza amoko y'ihohoterwa:

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina:
- Ihohoterwa rishingiye ku mutungo
- Iyicarubozo:
- Kubuzwa uburenganzira

✓ Kugaragaza uko ubwoko bw'ihohoterwa yagaragaje bwarwanywa.